

# Preparing Your Family For Immigration Enforcement

## Kinyarwanda Translation

### Know Your Rights

Rev. January 2025



*Your Rights*

*Immigration  
Services*

*Important  
Forms*

*Important  
Numbers*

# **MBERE Y'UKO UTABWA MURI YOMBI N'URWEGO**

## **RUSHINZWE ABINJIRA MU GIHUGU**

### **TEGURA UBURYO BWO KUBONA IGISUBIZO CYIHUSE**

- Bika inyandiko n'ibyangombwa byawe by'ibanze ahantu byoroshye kugera. Kora kopi z'izi nyandiko n'ibyangombwa byawe ubibitse umuvandimwe wawe cyangwa se inshuti yawe ya hafi ku buryo yabigeraho vuba igihe bikenewe.
  - Pasiporo
  - Icyemezo cy'amavuko
  - Icyemezo cy'ugushyingirwa
  - Ibyangombwa by'imodoka n'iby'imitungo
  - Inyandiko n'ibyangombwa byose by'inzira, harimo inomero "A" niba uyifite
- Vugana n'umunyamategeko udaharanira inyungu wunganira abinjira kugira ngo asuzume imiterere ya dosiye yawe bwite y'abinjira (reba urutonde ruri ku mugerek A)
  - Iteka ugomba kuba ufite nomero cyangwa ikanita y'uwanaganira abantu mu mategeko cyangwa se umunyamategeko w'inzobere mu by'abinjira mu gihugu kugira ngo ube wamwitabaza igihe cyose bibaye ngombwa.
  - Umuryango wawe nawo ugomba kuba ufite izi nomero. Ugomba kuba warafashe mu mutwe iyo nomero y'umuvandimwe wawe.
- Gira uburyo bwo kubona igisubizo cyihuse aho ukorera
  - Baza abo mukorana niba bashobora guceceka maze usabe kuvugana n'umunyamategeko igihe abakozi b'urwego rw'abinjira baje kukureba aho ukorera.
  - Niba ku kazi kawe aho ukorera mufite ishyirahamwe ry'abakozi, vugana n'urihagarariye kugira ngo umenye neza uburyo witegura n'uko witwara igihe abakozi b'urwego rushinzwe abinjira baje kukureba ku kazi.
- Gira uburyo bwo kurinda umuryango wawe
  - Uzuza ifishi yo "Gutanga ububasha" ubuha umwe mu bavandimwe bawe cyangwa se inshuti yawe ya hafi kugira ngo izifashishwe mu kwita ku bana bawe mu gihe wafungwa cyangwa se ugasubizwa mu gihugu cyawe.  
(reba UMUGEREKA B)
  - Shakira abana bawe pasiporo.
    - Niba umwana wawe afite ubwenegihugu bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, mushakire pasiporo hakiri kare. Azayikenera mu gihe azaba agiye kujya hanze y'igihugu na nyuma mu gihe azaba asabwa kwerekana ko afite ubwenegihugu bwa Amerika.
    - Niba umwana wawe adafite ubwenegihugu bwa Leta Zunze Ubumwe za Amerika, musabire pasiporo mu gihugu avukamo. Ushobora kuyisabira kuri ambasade y'igihugu cyawe.  
(reba UMUGEREKA C).
  - Andikisha umwana wawe nk'umwenegihugu w'igihugu muvukamo kuri iyo ambasade y'igihugu cyawe kugira ngo utazahura n'ibibazo igihe ugiyeyo.
    - Urugero, mu bihugu bimwe na bimwe abana batandikishijwe ntibashobora kujya mu ishuri. (reba ku rupapuro rwa 16 umenye uko wakwandikisha umwana wawe wavukiye muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika muri Megizike.)

### **GIRA UBURYO BWO KURINDA UMURYANGO WAWE**

Rev. 12/20/24

## **MU GIHE WATAWE MURI YOMBI**

### **NI IKI WAKORA MU GIHE WATAWE MURI YOMBI**

**Ni iki wakora igihe umupolisi cyangwa umukozi w'urwego rw'abinjira aguhase ibibazo:**

- ✓ Ufite uburenganzira bwo kumubaza niba ufunzwe cyangwa se watawe muri yombi.  
*-Mu gihe agusubije ati "Oya, ntabwo watawe muri yombi, nta n'ubwo ufunzwe", mubaze niba wemerewe kugenda. Nagusubiza ati yego, sohoka gahoro kandi witonze ugende.*  
*-Nagusubiza ati "Yego, watawe muri yombi ndetse ugiye gufungwa", icyo gihe UFITE UBURENGANZIRA BWO KWICECEKERA!*

**Niba ufite ibyangombwa byawe by'inzira:**

- ✓ Byereke uwo mupolisi cyangwa se uwo mukozi. Ubyitwaze aho ugiye hose.

**Niba nta byangombwa ufite bikwemerera kuba uri muri iki gihugu:**

- ✓ Ntugire ikibazo na kimwe usubiza.
- ✓ Uramenye ntiwerekane ibyangombwa by'ibihimbano.
- ✓ Subiza gusa uti "Ndashaka kuvugana n'umunyamategeko waniye."
- ✓ Ntugire ikintu na kimwe uvuga kijyanye n'aho waje uturuka cyangwa se uburyo wageze muri iki gihugu.
- ✓ Ereka umupolisi cyangwa se umukozi w'urwego rw'abinjira ikarita ya "Menya Uburenganzira Bwawe" (reba UMUGEREKA D).

## **HEJURU Y'IBI BYOSE**

**NTIWIGERE UTANGA IBYANGOMBWA BY'IBIHIMBANO  
CYANGWA SE NGO UBESHYE**

Rev. 12/20/24

## NI IKI WAKORA MU GIHE URWEGO RW'ABINJIRA RUJE IWAWE:

- Mu gihe polisi, umukozi w'urwego rw'abinjira cyangwa se undi mukozi wa Leta agerageje kwinjira iwawe:

➤ **Ntuzakingure**

-Ni ngombwa cyane kubanza kumubaza niba ari umupolisi cyangwa se umukozi w'urwego rw'abinjira.(Rimwe na rimwe, abakozi b'urwego rw'abinjira bashobora kukubwira ko ari abapolisi, ni ngombwa rero kubabaza ibibazo byihariye kandi bigusha ku ngingo.)

➤ **Niba ari abakozi b'urwego rw'abinjira, muri rusange ntibemerewe kwinjira iwawe keretse ari wowe ubwawe ubakinguriye**

-Vuganira nabo ku muryango urugi rwawe rufunze. Nuramuka ufunguye urugi gatoya ngo uvugane nabo, bashobora kuvuga ko wabakinguriye bityo wabemereye kwinjira.

➤ **Niba ari abapolisi, bagomba kubanza kukwereka "urwandiko rwo gusaka" rubemerera kwinjira iwawe.**

-Urwandiko rwo gusaka ni inyandiko yashyizweho umukono n'umucamanza yemerera umupolisi cyangwa undi mukozi ubifitiye ububasha kwinjira iwawe.

-Urwo rwandiko rugomba kuba rusobanura neza umuntu uwo mupolisi arimo gushakisha

- Niba bafite urwandiko rwo guta muri yombi mu mwanya w'urwandiko rwo gusaka, nta burenganzira bafite bwo kwinjira iwawe.

- Mu gihe umupolisi yinjiye iwawe:

-Andika amazina y'abapolisi na nomero z'amakarita yabo y'akazi

-Babwire ko utigeze ubemerera kwinjira ngo bagusake

-Andika amazina, imyirondoro na nomero za buri wese uri aho

- Ntiwiruke – Ntabwo ari byiza kwiruka.

## NI IKI WAKORA MU GIHE URWEGO RW'ABINJIRA RUJE AHO UKORERA:

- **GUMA WITONZE**

- Ntiwiruke

-Ntabwo ari byiza kwiruka

- Kugira ngo umukozi w'urwego rw'abinjira yemererwe kwinjira aho ukorera, agomba kuba afite urwandiko rwatanzwe n'umucamanza cyangwa se uruhushya yahawe n'umukoresha wawe.

## NI IKI WAKORA MU GIHE URWEGO RW'ABINJIRA RUGUTAYE MURI YOMBI MU RUHAME:

- **Niba bagufatiye mu nzira ugenda**

- Bagomba kuba bafite icyemezo/urwandiko rubibemerera; basabe kurukwereka

-Niba nta cyemezo bafite, bagomba kuba bafite ibimenyetso bifatika byerekana ko koko uri muri iki gihugu mu buryo bunyuranyije n'amategeko

## **IBUKA KO:**

Ufite uburenganzira bwo guceceka. Ntugire icyo uvuga cyerekeranye n'imiterere ya dosiye yawe y'abinjira cyangwa se aho wavukiye. Niba ufite ibyangombwa bikwemerera kuba uri muri iki gihugu, byerekane.

## **NYUMA YO GUTABWA MURI YOMBI**

### **NIBA WATAWE MURI YOMBI**


- **Menya uwagutaye muri yombi**
  - Andika amazina y'abakozi n'ibigo bakorera (FBI, ICE, CBP, n'ibindi.).
  - Andika nomero z'amakarita yabo y'akazi (ari ku myenda y'akazi bambaye) ndetse na nomero za pulake y'imodoka bajemo.
- **Ntiwigere usinya inyandiko iyo ari yo yose udasobanukiwe mbere y'uko uvugana n'umunyamategeko**
  - Birashoboka ko abo bakozi bazagerageza kugushyiraho igititu kugira ngo ugire inyandiko usinya.
  - Ntuzabemerere kugushyiraho igititu. Bashobora kuba bashaka ko usinya inyandiko ikwambura uburenganzira bwo kuburanira imbere y'umucamanza uburanisha dosiye z'abinjira.
- **Gerageza kuvugana n'umunyamategeko wawe cyangwa umuvandimwe wawe**
  - Ufite uburenganzira bwo kugira uwo uhamagara mu gihe umaze gutabwa muri yombi.
  - Fata mu mutwe nomero z'umunyamategeko wawe, umuvandimwe wawe, cyangwa se uhagarariye ishyirahamwe.
  - Bahamagare ako kanya.
- **Hamagara kuri ambasade y'igihugu cyawe**
  - Ufite uburenganzira bwo guhamagara kuri ambasade y'igihugu cyawe ukabasaba ubufasha.
  - Ufite uburenganzira bwo gusaba umukozi wagutaye muri yombi kumenyesha ambasade y'igihugu cyawe ko watawe muri yombi.
  - Ambasade ishobora kugufasha kubona umunyamategeko.
  - Ambasade ishobora kandi kugufasha kumenyesha umuryango wawe.
- **Saba gutanga ingwate**
  - Saba gutanga ingwate mu gihe ufungiwe mu rwego rw'abinjira.
  - Ugomba kugaragaza ko utazahunga cyangwa se ngo uteze ibibazo mu baturage.

**NTUGIRE INYANDIKO N'IMWE USINYA MU GIHE UTAYUMVA MBERE YO  
KUVUGANA N'UMUNYAMATEGEKO!**

## **NYUMA YO GUTABWA MURI YOMBI**


### **AMAKURU Y'INGENZI KU GUFUNGIRWA MU RWEGO RW'ABINJIRA**

**Ni igihe kingana iki  
ubuyobozi bw'inzezo  
z'ibanze bushobora  
gufunga umuntu  
washyiriweho icyemezo  
cyo gufungwa  
cyatanzwe na ICE?**




*Nk'uko bitemanywa n'amategeko ya Leta,  
umuntu wese ufunzwe hashingiwe ku mabwiriza  
y'urwego rw'abinjira ntashobora gufungwa ige  
kirenze amasaha 48, hatabariwemo iminsi yo ku  
wa gatandatu no ku cyumweru ndetse n'indi  
minsi y'ikiruhuko. Iki gihe cy'amasaha 48  
gitangira kubahirizwa nyuma y'uko polisi y'aho  
umuntu afungiwe cyangwa se polisi y'igihugu  
irekuye uwo muntu ku bw'icyaha  
akurikiranwaho.*

**Bigenda bite nyuma  
y'amasaha 48?**



*Bitewe n'uko amabwiriza ya ICE yemerera  
gusa umuntu gufungwa kugeza ku masaha  
48 arenga ku yemewe n'amategeko ya Leta  
cyangwa se ay'aho umuntu afungiye,  
umuntu wese ufunzwe agomba guhita  
arekurwa ayo masaha 48 akirangira.  
Nyuma y'iki gihe, wowe cyangwa se  
umunyamategeko wawe mugomba gusaba  
ko urekurwa ige bitahise bikorwa.*

**Bigenda bite iyo umuntu  
akomeje gufungwa  
kandi icyemezo cyo  
kumufunga cyamaze  
guta agaciro?**



*Mu gihe gereza idafite ububasha bwhariye  
bwo gufungwa umuntu hashingiwe ku byaha  
aregewa, ntabwo byemewe gukomeza  
gufunga uwo muntu mu gihe amabwiriza  
y'urwego rw'abinjira agena kumufunga  
yataye agaciro. Menyesha  
umunyamategeko mu gihe ibi byakubayeho.*

#### **IBYO KWITONDERA ku gutanga INGWATE:**

Amasaha 48 ICE yemerewe yo kuza gutwara umuntu wafunzwe hakurikijwe amabwiriza agenga abinjira atangira kubarwa uhoreye ige umuntu yishuriye ingwate ku byaha ashinjwa cyangwa se nyuma yo kurekurwa. Bityo rero, biba bigishoboka ko ICE yaza gutwara uwo muntu ige yamaze kwishyura ingwate mu isanduku ya Leta, ndetse icyo gihe ige yamaze afungiwe mu rwego rw'abinjira ntikibarwa mu gihano yazahabwa. Mu gihe bibaye ngombwa, vugana n'umunyamategeko hakiri kare bishoboka ukimara gufungwa kugira ngo umenye niba bikwiye ko wishyura ingwate muri iki gihugu. Ntuzigere wumva inama z'abakozi cyangwa abandi bantu bafunzwe kuri iyi ngingo.

## **NYUMA YO GUTABWA MURI YOMBI**

### **UBURENGANZIRA BWAWE IGIHE UFUNZE**

#### **UFITE UBURENGANZIRA BWO:**

- ✓ **Kudasinya inyandiko iyo ari yo yose, by'umwihariko inyandiko udasobanukiwe**
  - Cyane cyane inyandiko zikwambura uburenganzira bwo kuburanira imbere y'umucamanza.
  - Ushobora kuvuga ko wifuza kuvugana n'umunyamategeko mbere y'uko ugira icyo usinya
- ✓ **Kudatanga amakuru arebana n'imiterere ya dosiye yawe yo kuba mu gihugu**
  - Ibyo uvuga byose bishobora kwifashishwa mu kugushinja mu rukiko rw'abinjira
- ✓ **Kuvugana n'ambasade y'igihugu cyawe**
- ✓ **Guhamagara nyuma yo gutabwa muri yombi**
  - Gufata mu mutwe nomero y'umunyamategeko wawe cyangwa se umuvandimwe wawe.
  - Kubahamagara ako kanya.
- ✓ **Gusaba gutanga ingwate**
  - Ugomba buri gihe gusaba gutanga ingwate cyangwa se ingwate yo kuburana uri hanze.
- ✓ **Guhabwa Umusemuzi mu gihe cy'urubanza niba utavuga icyongereza**

**Ku bindi bisobanuro ku gufungwa, reba UMUGEREKA C**

UMUGEREKA A

**ABATANGA UBUFASHA MU BY'AMATEGEKO MU  
RWEGO RW'ABINJIRA BADAHARANIRA INYUNGU**

**Amakuru arebana n'abatanga ubufasha mu  
by'amategeko aboneka kuri uru rubuga  
[immigrationadvocates.org/legaldirectory](http://immigrationadvocates.org/legaldirectory)**

**Abatanga ubufasha mu by'amategeko mu rwego rw'abinjira badaharanira inyungu**  
Vugana n'iyi miryango mbere y'uko uhura n'ibibazo by'abinjira kugira ngo igufashe gusuzuma neza imiterere ya dosiye yawe ndetse no kureba niba hari ibisubizo byaboneka mu gihe waramuka ufunzwe.

**Umuryango w'Abarabu utanga serivisi z'ubukungu n'imibereho myiza - Ikigo gitanga serivisi ku bantu**

***Ubufasha batanga mu by'amategeko:***

Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gusaba ubuhungiro, Gukorana na ambasade, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gufasha abimukira n'abatari abimukira muri dosiye zishingiye ku kazi, Gutanga ubufasha ku miryango, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Gusaba kuvanaho iburanisha, Gufasha abimukira bakiri bato bafite dosiye zihariye, Gufasha abimukira kubona ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)

***Aho bakorera:***

6451 Schaefer Rd, Dearborn, MI 48126

***Aho wabashakira:***

(313) 203-1877, <http://www.accesscommunity.org>, [hkhraizat@accesscommunity.org](mailto:hkhraizat@accesscommunity.org)

**Imiryango Gatolika y'Abagiraneza ikorera muri Diyosezi ya Kalamazoo - Gahunda yo gufasha abimukira**

***Ubufasha batanga mu by'amategeko:***

Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gukorana na ambasade, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gutanga ubufasha ku miryango, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Gufasha abimukira kubona ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)

***Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:***

Ubufasha mu kuzuza amafishi, kuzuza dosiye muri USCIS

***Aho bakorera:***

1819 Gull Rd, Kalamazoo, MI 49046

***Aho wabashakira:***

269 381 9800, <http://diokzoo.org/immigration-assistance-program>, [samanthalindberg@ccdk.org](mailto:samanthalindberg@ccdk.org)

**Imiryango Gatolika ikorera mu burasirazuba bw'amajyepfo ya Michigan - Ikigo gitanga ubufasha mu by'amategeko cya La Casa Amiga Legal Clinic & Gahunda zo gufasha imiryango**

***Ubufasha batanga mu by'amategeko:***

Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gukorana na ambasade, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gutanga ubufasha ku miryango, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Gufasha abimukira kubona ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)

***Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:***

Ubufasha mu kuzuza amafishi, kuzuza dosiye muri USCIS

***Aho bakorera:***

76 Williams St, Pontiac, MI 48341

***Aho wabashakira:***

2483403308, <http://www.ccsem.org>, [olszewskir@ccsem.org](mailto:olszewskir@ccsem.org)

**Serivisi zo gufasha abimukira mu by'amategeko muri Diyosezi ya Grand Rapids**

***Ubufasha batanga mu by'amategeko:***

Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gukorana na ambasade, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gutanga ubufasha ku miryango, Gusaba gufungurwa by'agateganyo hashingiwe ku mahame y'uburenganzira bw'ikiremwamuntu, NACARA, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Gufasha abimukira kubona

*ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)*

**Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:**

Kuzuza dosiye muri USCIS

*Aho bakorera:*

123 Wealthy St SE, Grand Rapids, MI 49503

*Aho wabashakira:*

(616) 551-4746, <http://www.GRdiocese.org>, [ILS@grdiocese.org](mailto:ILS@grdiocese.org)

**Serivisi z'ubwunganizi mu mategeko za Farmworker**

**Ubufasha batanga mu by'amategeko:**

*Kubona ubwenegihugu, Viza zo mu bwoko bwa T na U*

**Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:**

*Ubufasha mu kuzuza amafishi, kuzuza dosiye muri USCIS*

*Aho bakorera:*

350 E. Michigan Ave., Suite 310, Kalamazoo, MI 49007

*Aho wabashakira:*

(269) 492-7190, <http://www.farmworkerlaw.org>, [fls@lsscm.org](mailto:fls@lsscm.org)

**Umuryango wunganira abimukira mu by'amategeko wa Freedom House Detroit**

**Ubufasha batanga mu by'amategeko:**

*Gusaba ubuhungiro*

**Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:**

*Kuzuza dosiye muri USCIS, Guhagararira abimukira mu Ibazwa ryo gusaba ubuhungiro (Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu afite ubwoba bwo gusubira mu gihugu cye, Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu akwiriye kurindwa no gucungirwa umutekano), Guhagararira abimukira mu rukiko ruburanisha abimukira*

*Aho bakorera:*

1777 N. Rademacher, Detroit, MI 48209

*Aho wabashakira:*

(313) 964.4320, <http://www.freedomhousedetroit.org> , [info@freedomhousedetroit.org](mailto:info@freedomhousedetroit.org)

**Umuryango uhuza abimukira w'Urusengerero rwa City Life**

**Ubufasha batanga mu by'amategeko:**

*Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gukorana na ambasade, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gutanga ubufasha ku miryango, NACARA, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Viza zo mu bwiko bwa T, Gufasha abimukira kubona ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Viza zo mu bwoko bwa U, Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)*

**Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:**

*Ubufasha mu kuzuza amafishi, kuzuza dosiye muri USCIS*

*Aho bakorera:*

574 S. Division Ave, STE 2A, Grand Rapids, MI 49503

*Aho wabashakira:*

(616) 855-0563, <https://www.immigrantconnectiongr.org/> , [info@immigrantConnectionGR.org](mailto:info@immigrantConnectionGR.org)

**Ikigo mpuzamahanga cya Metropolitan Detroit**

**Ubufasha batanga mu by'amategeko:**

*Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gusaba ubuhungiro, Gukorana na ambasade, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gutanga ubufasha ku miryango, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Gufasha abimukira kubona ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)*

**Ubwoko bw'ubufasha batanga** *Ubufasha mu kuzuza amafishi, kuzuza dosiye muri USCIS*

*mu by'amategeko:*

*Aho bakorera:*

*111 E. Kirby, Detroit, MI 48202*

*Aho wabashakira:*

*(313) 871-8600, <http://www.iimd.org>, [immigration@iimd.org](mailto:immigration@iimd.org)*

**Umuryango “Ubutabera ku baturanyi bacu” (Immigratio Law and Justice Michgian) (Detroit)**

*Ubufasha batanga mu  
by'amategeko:*

*Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira*

*Ubwoko bw'ubufasha batanga  
mu by'amategeko:*

*Ubufasha mu kuzuza amafishi, Kuzuza dosiye muri USCIS, Guhagararira abimukira mu Ibazwa ryo gusaba ubuhungiro (Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu afite ubwoba bwo gusubira mu gihugu cye, Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu akwiriye kurindwa no gucungirwa umutekano), Guhagararira abimukira mu rukiko ruburanisha abimukira*

*Aho bakorera:*

*207 Fulton St. E, Grand Rapids, MI 49503*

*Aho wabashakira:*

*(616) 320-2734, <https://www.iljmi.org>*

**Umuryango “Ubutabera ku Baturanyi bacu (Justice For Our Neighbors) (Ibiro bya Grand Rapids)**

*Ubufasha batanga mu  
by'amategeko:*

*Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gusaba ubuhungiro, Gukorana na ambasade, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gufasha abimukira n'abatari abimukira muri dosiye zishingiye ku kazi, Gutanga ubufasha ku miryango, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Gusaba kuwanaho iburanisha, Gufasha abimukira bakiri bato basite dosiye zihariye, Viza zo mu bwoko bwa T, Gufasha abimukira kubona ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Viza zo mu bwoko bwa U, Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)*

*Ubwoko bw'ubufasha batanga  
mu by'amategeko:*

*Kuzuza dosiye muri USCIS, Guhagararira abimukira mu Ibazwa ryo gusaba ubuhungiro (Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu afite ubwoba bwo gusubira mu gihugu cye, Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu akwiriye kurindwa no gucungirwa umutekano), Guhagararira abimukira mu rukiko ruburanisha abimukira, Guhagararira abimukira imbere y'Inteko iburanisha ubujurire bw'abimukira*

*Aho bakorera:*

*207 Fulton St East, Grand Rapids, MI 49503*

*Aho wabashakira:*

*(616) 301-7461, <http://jfoni.org>, [appointments@jfoni.org](mailto:appointments@jfoni.org)*

**Umuruango “Ubutabera ku Baturanyi bacu” (Justice For Our Neighbors) (Ibiro bya  
Kalamazoo)**

*Ubufasha batanga mu  
by'amategeko:*

*Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gusaba ubuhungiro, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gufasha abimukira n'abatari abimukira muri dosiye*

*zishingiye ku kazi, Gutanga ubufasha ku miryango, Gutegeka uwafunze umuntu mu buryo bunyuranyije n'amategeko kwitaba Urukiko, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Gusaba kuvanaho iburanisha, Gufasha abimukira bakiri bato bafite dosiye zihariye, Viza zo mu bwoko bwa T, Gufasha abimukira kubona ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Viza zo mu bwoko bwa U, Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)*

*Ubufasha mu kuzuza amafishi, Kuzuza dosiye muri USCIS, Guhagararira abimukira mu Ibazwa ryo gusaba ubuhungiro (Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu afite ubwoba bwo gusubira mu gihugu cye, Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu akwiriye kurindwa no gucungirwa umutekano), Guhagararira abimukira mu rukiko ruburanisha abimukira*

**Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:**

*Aho bakorera:*

*212 S. Park Street, Kalamazoo, MI 49007*

*Aho wabashakira:*

*(269) 743-2501, <http://jfonmi.org>, vsoledad@jfonmi.org*

**Abunganizi mu mategeko bunganira abimukira (Lighthouse Immigrant Advocates)**

**Ubufasha batanga mu by'amategeko:**

Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gusaba ubuhungiro, Gukorana na ambasade, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gufasha abimukira n'abatari abimukira muri dosiye zishingiye ku kazi, Gutanga ubufasha ku miryango, Gusaba kuvanaho iburanisha, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Abanyafuganisitani bo mu rwego rwa P1 na P2, Gufasha abimukira bakiri bato bafite dosiye zihariye, Viza yihariye y'abimukira (SIV), Viza zo mu bwoko bwa T, Gufasha abimukira kubona ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Viza zo mu bwoko bwa U, Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)

**Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:**

Ubufasha mu kuzuza amafishi, Kuzuza dosiye muri USCIS, Guhagararira abimukira mu Ibazwa ryo gusaba ubuhungiro (Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu afite ubwoba bwo gusubira mu gihugu cye, Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu akwiriye kurindwa no gucungirwa umutekano)

*Aho bakorera:*

*412 W 24th St, Holland, MI 49423*

*Aho wabashakira:*

*6162988984, <https://lia-michigan.org/>, admin@lia-michigan.org*

**Ikigo giharanira uburenganzira bw'abimukira cya Michigan (Michigan Immigrant Rights Center) (Ibiro bya Grand Rapids, Kalamazoo, Detroit, Lansing na Ypsilanti)**

**Ubufasha batanga mu by'amategeko:**

Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gusaba ubuhungiro, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gutegeka uwafunze umuntu mu buryo bunyuranyije n'amategeko kwitaba Urukiko, NACARA, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Gusaba kuvanaho iburanisha, Gufasha abimukira bakiri bato bafite dosiye zihariye, Viza zo mu bwoko bwa T, Gufasha abimukira kubona ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Viza zo mu bwoko bwa U, Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)

**Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:**

Gufasha mu kuzuza amafishi, Kuzuza dosiye muri USCIS, Guhagararira abimukira imbere y'Urukiko ruburanisha abimukira

*Aho bakorera:*

*Grand Rapids, Kalamazoo, Detroit, Lansing, Ypsilanti – Bisaba kubanza gusaba gahunda*

Aho wabashakira:

(734) 239-6863, <http://michiganimmigrant.org> ,  
[mirc@michiganimmigrant.org](mailto:mirc@michiganimmigrant.org)

**Koleji y'amategeko ya Kaminuza ya Leta ya Michigan (Michigan State University College of Law) Ibiro bishinzwe amategeko y'abimukira**

Ubufasha batanga mu by'amategeko:

Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Gusaba kuvanaho iburanisha, Gufasha abimukira bakiri bato bafite dosiye zihariye, Viza zo mu bwoko bwa T, Viza zo mu bwoko bwa U, Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)

Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:

Gufasha kuzuza amafishi, Kuzuza dosiye muri USCIS, Guhagararira abimukira mu Ibazwa ryo gusaba ubuhungiro (Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu afite ubwoba bwo gusubira mu gihugu cye, Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu akwiriye kurindwa no gucungirwa umutekano), Guhagararira abimukira mu rukiko ruburanisha abimukira, Guhagararira abimukira imbere y'Inteko iburanisha ubujurire bw'abimukira no mu manza z'ubujurire z'Urukiko rukuru

Aho bakorera:

648 North Shaw Lane, East Lansing, MI 48824

Aho wabashakira:

(517) 432-6880,

<http://www.law.msu.edu/clinics/immigration/about.html> ,  
[veronica.thronson@law.msu.edu](mailto:veronica.thronson@law.msu.edu)

**Michigan United - East (Ibiro bya Detroit)**

Ubufasha batanga mu by'amategeko:

Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Ubufasha mu kubona ubwenegihugu

Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:

Ubufasha mu kuzuza amafishi, kuzuza dosiye muri USCIS

Aho bakorera:

4405 Wesson Street, Detroit, MI 48210

Aho wabashakira:

(248) 509-4430, <http://www.miunited.org> , [diego@miunited.org](mailto:diego@miunited.org)

**Ikigo cya Detroit yo mu burasirazuba bw'amajyepfo gishinzwe abimukira n'impuzi (Southwest Detroit Immigrant and Refugee Center)**

Ubufasha batanga mu by'amategeko:

Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gusaba ubuhungiro, Gukorana na ambasade, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gufasha abimukira n'abatari abimukira muri dosiye zishingiye ku kazi, Gutanga ubufasha ku miryango, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Abanyafuganisitani bo mu rwego rwa P1 na P2, Gufasha abimukira bakiri bato bafite dosiye zihariye, Viza yihamiye y'abimukira (SIV), Viza zo mu bwoko bwa T, Gufasha abimukira kubona ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Viza zo mu bwoko bwa U, Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)

Ubwoko bw'ubufasha batanga mu by'amategeko:

Gufasha kuzuza amafishi, Kuzuza dosiye muri USCIS, Guhagararira abimukira mu Ibazwa ryo gusaba ubuhungiro (Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu afite ubwoba bwo gusubira mu gihugu cye, Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu akwiriye kurindwa no gucungirwa umutekano), Guhagararira abimukira mu rukiko ruburanisha abimukira, Guhagararira abimukira imbere y'Inteko iburanisha ubujurire bw'abimukira no mu manza z'ubujurire z'Urukiko rukuru

Aho bakorera:

17375 Harper Ave. , Suite 24124, Detroit , MI 48224

Aho wabashakira:

313-288-9904, <https://detimmigrantcenter.com/> ,

**Imiryango gatolika y'abagiraneza ba St. Vincent - Ikigo gitanga ubufasha mu by'amategeko ku bimukira**

**Ubufasha batanga mu  
by'amategeko:**

Guhindura imiterere y'urwego rw'abimukira, Gusaba ubuhungiro, Gukorana na ambasade, Gufasha abana bakigera mu gihugu kubona ibyangombwa (DACA), Gusaba icyangombwa cyemerera umuntu gukora, Gufasha abimukira n'abatari abimukira muri dosiye zishingiye ku kazi, Gutanga ubufasha ku miryango, NACARA, Ubufasha mu kubona ubwenegihugu, Gusaba kuvanaho iburanisha, Gufasha abimukira bakiri bato bafite dosiye zihariye, Viza zo mu bwoko bwa T, Gufasha abimukira kubona ibyangombwa by'agateganyo byo gucungirwa umutekano (TPS), Viza zo mu bwoko bwa U, Gufasha abagore n'abakobwa bahuye n'ihohoterwa (VAWA)

**Ubwoko bw'ubufasha  
batanga mu by'amategeko:**

Gufasha kuzuza dosiye muri USCIS, Guhagararira abimukira mu Ibazwa ryo gusaba ubuhungiro (Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu afite ubwoba bwo gusubira mu gihugu cye, Ibazwa ry'umwimukira asobanura impamvu akwiriye kurindwa no gucungirwa umutekano), Guhagararira abimukira mu rukiko ruburanisha abimukira, Guhagararira abimukira imbere y'Inteko iburanisha ubujurire bw'abimukira no mu manza z'ubujurire z'Urukiko rukuru

**Aho bakorera:**

2800 W. Willow St., Lansing, MI 48917

**Aho wabashakira:**

(517) 323-4734 ext. 1800, <http://www.stvcc.org>

**UMUGEREKA B**

**AMAFISHI Y'INGENZI**

## **Amabwiriza yo Gutanga Ububasha bw'Umubyeyi (DPA)**

### **Intambwe ya 1: Tegura DPA yawe**

Koresha icyifashishwa cyo [Gutanga Ububasha bw'Umubyeyi Ubwawe.](#)

### **Intambwe ya 2: Shyira umukono kuri DPA**

Itegeko rya Michigan rivuga ko Ububasha bw'Umubyeyi bugira agaciro bidasabye umukono wa noteri cyangwa imikono y'abatangabuhamya. **Ariko, abaganga bamwe, amashuri, cyangwa abandi bashobora kubyemera iyo ifishi iriho umukono wa noteri n'i'y'abatangabuhamya.** Niba ushobora kubona abatangabuhamya na noteri, ni byiza ko bahamya umukono wawe bakanashyira imikono kuri iyi fishi.

Izindi leta zimwe na zimwe zisaba ko DPA itangirwa ubuhamya kandi igashyirwaho umukono wa noteri. iyo iriho imikono y'abayangabuhamya n'umukono wa noteri, ushobora kongera amahirwe yo kwemerwa kwayo mu yindi leta, iyo bibaye ngombwa. Ikindi kandi, abahanga mu buvuzi, amashuri, n'abandi bazagezwaho iyi fishi si inzobere zemewe n'amategeko. Nubwo abantu bashobora kwemera ifishi itariho imikono y'abatangabuhamya n'uwa noteri, hari amahirwe y'uko bashobora kutamenya neza niba bakwiye gukora ibyo isaba. Gushyirishaimikono ku ifishiy'abatangabuhamya n'umukono wa noteri bishobora kwizeza ibiro by'abaganga n'amashuri ko ifishi ifite yemewe.

